



Gicurasi 2023

ikinyarwanda

## Baho byuzuye none!

**Haguruka**

(Lk 8,54)

**Kontakt:**

Meinolf Wacker  
Kirchplatz 7  
59174 Kamen

Mobil.:

+49-172-5638432  
meinolf.wacker@go4peace.eu  
www.go4peace.eu

Mail:  
Homepage

Nshuti bakunzi ba go4peace,

KUBAHO wabishobora none gusa. Mu by'ukuri uku ni ukuri kuzwi na bose! Kuko ejo hashize hagiye ubutagaruka ntiwashobora kongera kuhabaho cyangwa ngo uhahindure. Echo hazaza na ho ntuhafite mu biganza. Gusa kubaho none ntibyoroshye na mba! Ni kangahe twishimira kuba twasubira mu bihe byiza byashize cyangwa tugereranje n'iterambere ririho ubu tukagira tuti: Ibi ntibyigeze bibaho! Cyangwa ni kangahe twizirika ku bya kera twibeshya ko: „Uko ari ko byahoze!“ Iyo rero tugerageje kurenga ibya none tugatekereza kuhazaza, kenshi twisanga turi mu ndoto y'iby'ejo hazaza, naho hataturi mu biganza. Gusubira mu byahise cyangwa kwibera mu ndoto y'ibizaza bishobora kutumugaza, bikadutesha kubaho ubu uko bikwiye.

„Haguruka!“ (Lk 8,54) ni ko Yezu abwiye umwana w'umukobwa wari warigungiye mu isi ye nto yishyiriyeho. Hari ikintu gishobora kuba cyari cyaramumugaje cyamubuzaga kwinjira mu buzima. Birushijeho kuba bibi. Ubuzima buaramusize. Arapfuye. Muri ako kanya Yezu aramwegera. Aramuvugisha amutegeka kugaruka mu bihe bya nonaha: „Haguruka!“ Ubwo uyu mwana yumvaga iri jambo, yahise agaruka mu buzima ako kanya ahita ahaguruka.

Hari umugabo umwe w'igikwerere yari yarabayeho mu ngorane nyinshi, kwinjira mu buzima byaramugoye. Yari yaragize ibibazo bikomeye byo mu mutwe ku buryo byari bimeze nk'igikoma cyahomeye kuri roho ye. Byageraga aho akabura umwuka. Kenshi byabaga ngombwa ko ajya mu bitaro bivura indwara zo mu mutwe. Buhoro buhoro yagerageje kwisuzuma yinjira mu ndiba y'ibibazo byari bimuremereye. Yavumbuye ko bigishoboka kubona ibyishimo none. Yari yarumvise ko hari abana bakomoka muri Ukraine bashakaga kwifatanya n'abandi mu gukusanya inkunga igenerwa abana ku munsi mukuru w'ukwigaragaza kwa Nyagasan (Umuni mukuru w'abami batatu). Ururimi no kutamenya ahantu byari imbogamizi zikomeye kuri abo bana. Yemereye ababyeyi b'abo bana kubaherekeza mu nzira aho bagendaga bakusanya iyo nkunga. Ababyeyi barabyemeye. Umuni umwe twarahuye arambwira ati: “Kuri uriya munsi nahawe impano iruta izinda mu buzima. Byari ibyishimo byari mu mitima y'abana byariho binsaga. Byuzuye mu ndiba y'umutima wanaye!“ – Baho byuzuye none!

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker